RWANDA RESONANCE

# KANGURA

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

Bimensuel
Indépendant

100 Frw

N° 014

10 Ukuboza 1992.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C. F. R. C.
B. P. 1319 Kigali
RWANDA

## MURI MRND BAKOMEJE KWITUMA KU MBEHE BAKIRIRAMO NO MU MAZI BAKIVOMA.




## Politiki y'abashimusi b'inka idukozeho.

# NKEZABERA J.M.V. ARISOBANURA.



J.M.V. NKEZABERA




Mu kinyamakuru Intumwa Le Messager n°24, mu nyandiko bise Kigali-Ville: Dukubutse mu myigaragambyo, baravuga ko MDR KIGALI VILLE yayisabose yitwaje ngo Perezida wa MDR afata ibyemezo atababwiye. Twabajije umwe mu bayobozi ba KIGALI-VILLE uvugwa kuba ndetse ngo yarasohotse mu nama ya Komite Nasiyonali (Biro Politiki) yateranye le 18/11/1992 atubwira ko batashoboraga kwishingira imyigaragambyo bumvise muri Radiyo nyuma y'ikiganiro n'abanyamakuru cy'impuzamashyaka cyabereye muri Diplomates.
Ati ubundi dutegura imyigaragambyo dukurikije kandi twumvikanye n'abayobozi ba za Segiteri zigize Kigali—Ville, abantu bacu tukaba tubazi ku buryo kuri buri metero 25 tuba tuhafite abashinzwe umutekano wacu. Bituma tunatahura abivanga. Imyigaragambyo ntirangiriraho kuko tugumya tugatembera Kigali yose ducunga uko abarwanashyaka bacu bamerewe, abahohotewe tukabatabariza. Akajagari kabaye rero mu myigaragambyo yo kuwa 19/11/1992 katewe nuko abantu bigaragambije uko babyumva maze baha icyuho RENZAHO umujyi arawutoba. Burya no mu mijyi ikomeye nka Paris sinzi niba hari icyo Perezida w'Ubufaransa yapfa kuhakorera gihuruza imbaga atabyumvikanyeho na le Maire de la Ville. Inzego za MDR rero niko zigomba gukora. Ku byerekeye gusohoka mu nama yo kuwa 18/11/1992 ngo yanze igitugu bamushyizeho bamwima ijambo ngo yisobanure ahitamo kwanga agasuzuguro arigendera.

UMURANGI

# NTA MUGABO WO GUHAKANWA N'AMABYA Y'INSHUTI YE.

Kwa RWABUGILI higeze kuba igitaramo cyaranzwe n'incyuro ikomeye yacyuriwe umutoni we NKUNDIYE mwene KABEGO. Undi mugaragu yaramubwiye ati: "ukaruha wivuga kandi uhakanywe n'amabya ya so ?!?

Mbibutse ko NKUNDIYE, yari mwene KABEGO umwami wo ku Ijwi. Kugira ngo KABEGO atsindwe yagambaniwe n'umuhungu we NKUNDIYE, watanze pula yo gutera Ijwi. Ise aratsindwa arashahurwa, Kalinga irambara.

Burya ngo Imana ihora ihoze kandi n'amateka ahora yisubira (perpétuel recommencement). Mfite impungenge ko, umunsi umwe, hatazabura umunyakazu uzarikoroza, agacyurira bene bariya batatiye MDR–PARMEHUTU (aka ba RUGIRA cyangwa abana b'abaparmehutu) ati "Nkabona Muvoma ibahakanye n'amabya y'amacuti y'imiryango yanyu" ! Bizatinda ariko bizaba.

Isibo n°74 yakomye imbarutso iti: "uwabanye na MWAMBUTSA ntiyabana na MUNYANEZA". Mu by'ukuri, MUNYANEZA arashinjwa iki ? Kubogama kwe kutumvikana. Kuwa 22/11/1992 kuri Radiyo, abanyamakuru bamubajije ibibazo bitaziguye abisubiza akikira ukuri ! Bati umutekano wakunanije iki ? Ati ni amashyaka abohoza !! Bati ko shobuja asuzugura amategeko agenga amashyaka ? Ati mubibaze RENZAHO !! Bati ko hari abaperefe n'ababurugumesitiri rubanda rwazinutswe wabarekuye bagatanga amahoro ?? Ati ndabizi barabaharabika !! Mutinye umugabo udakenga iritavugwa n'umwe !! MUNYAZESA kimwe n'abandi, afite ibibazo by'imitegekere y'igihugu kuko, intambara n'inkubiri Demukarasi byahinduye byinshi. Ariko se, n'ibibazo aterwa n'ishyaka rye abigire iby'igihugu ?

**Ikibazo cya "encadrement y'abaturage".**

Amashyaka amaze kwemererwa, yashishikajwe no kohereza ibikarita bya Muvoma mu cyaro ngo bayatsindagire ku ngufu abarwanashyaka. Ese ako gasuzuguro ninde utakiyama ? Ibyo nibyo yise kubohoza. Iyo aba akunda igihugu neza yari kugira ati mbareke bahitemo iryo bashaka noneho nzashakisha abaserire hose mu mashyaka bafatanye kubungabunga umutekano. Yahisemo gusambirira byose muri Muvoma. Naho ntibyamunaniye ! Ese yaboha abantu kuri angahe ? Azatubwire Burugumesitiri ugikora nko kubwa MRND ishaje uko yagenzwa usibye kubohozwa. Azavuge impamvu imutera guhambira abanyarwanda bose kuri MRNDD !

**Ikibazo cy'inzika Muvoma yabibye mu gihugu.**

Mu ijoro ryo kuwa 4 rishyira uwa 5 ukwakira 1990, nta rindi shyaka ryatekererezaga kino gihugu usibye Muvoma. Bwarije inkuba ziresa ngo bavumbuye ibyitso, bucya bafungwa. Hashize igihe amahanga yerekana ko kòko umutwe umwe wifasha ibisazi. Ibyari ibyitso biba "abere" mu bintu bisa n'ubumaji. Hari uwigeze abona Muvoma itanga nibura "twa tujana" tw'impozamarira yapfumbatishije bene Parmehutu imaze kubarimagurira ababyeyi ? Wategekana inzigo ukabishobora ? Ese yavugishije ukuri akatura ibyaha by'ishyaka rye akareka kurenganya abebohoza ko bishakira abategetsi badafite umwanda !

**Ikibazo cyo guhakirizwa no kutabwiza ukuri Perezida wa MRNDD.**

Perezida wa MRNDD aracyakeneye "ndiyo Bwana". Aracyakangisha igitugu. Ngo Interahamwe (ingabo ze) nizambare bamanuke ! Ese niba aziko yisanga, aramanukana ingabo zo gukora iki ? MUNYAZESA ntashobora kubwira uriya mugabo ko yitobera. Umuturage se azi izo Nterahamwe zizaba zimanuwe n'iki ? Ibyo nabyo byicira Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Ibyo bibazo uko ari bitatu MUNYAZESA ageragеza gukwepakwepa no kwipakurura nibyo pfundo ry'umutekano muke mu gihugu, kuko yishishikarijwe n'ubuhake byose abivunjamo kubohoza kugira ngo abone uko abihindira ku bandi. Ubwo yirengagiza ukuri akishakira ubutoni ntihazabura umunyakazu umusarana akamucyurira guhakanwa n'amabya atabarika y'amacuti ya Se n'aye yishwe.

Ese mama icyo gihe nawe azibuka ishyaka ry'ababyeyi nkuko NKUNDIYE yagaruje ishyaka ryo ku Ijwi ? Natita kuri biriya bibazo bitatu mwibukije kazamuhagararana !

RUDASHAKIRUMUGUSHAMUBISHWINKABASWIMANIRIHO
KIGALI

# TWISUGANYE.

*Ku itariki ya 19/11/1992, twagiyemu myigaragambyo turi be-nshi. Biriho biraza ubwo na PDC yatangiye ivuga ko mitingi ari ikintu kibi yagera ku myigaragambyo byo igakoma akaruru ngo igihugu kirahiye kuko umwana, umusore n'umukobwa, umukecuru n'umusaza bagaragaje umujinya wabo yahagurutse. Babivugaga bitwaje ko ngo baba ari abakirisitu iby'imyigaragambyo bitabareba. Nabyo bishobora kuba ari igitego ku Mpuzamashyaka. Inzira ariko iracyari ndende. None se ntimwabonye ko imyigaragambyo bayikenetse, cyane cyane aho batinyuka kujya mu muhanda gutega imbaga n'imbaga y'abigaragambya barangiza bakabatera umwe umwe mu ngo zabo ! Nidukaze umurego. Ba Musenyeri bacu, tuvuge nka ba MONSENGO bo muri Zayire barihe ? Ba Musenyeri Erinesiti KOMBO muri Kongo, ba Basenyeri bo muri za Bene (Bénin), za Togo n'ahandi barihe ? Muribuka uwo muri Madagascar wasomaga Misa kuri za Stade agaragaza ko arwanya ubutegetsi none Ratsiraka akaba akubiswe inshuro mu matora yo mu cyiciro cya mbere. Dukore iki Mpuzamashyaka ? Ba Pastori nibaze tujyane, ba Imam nibarakarire aya maraso ameneka. Nimushake ingaga z'abakozi kandi zarashinzwe mu Rwanda murazira-ngarana. Nimubohore CESTRAR nibishoboka bibacire ishati. Ni-mwinjire mu bihaye Imana mubabuze kwiririwa bamwe bavimvira mu mamodoka yanditseho M.R.N.D. gusa ngo ni ibya za Centres Nutritionnels n'ibindi, baze bose, niba amaraso ameneka muri iki gihugu hari icyo ababwiye. Ese muzi ababikira bo muri Philippines kwa MARCOS baryama imbere ya za Bure-nde, zigatinya kurasa ? Mu gihe cyose muri iki gihugu hakiri abavuga ngo ibya Politiki ntibibareba ngo bo bihaye Imana, bakora mu miryango mpuzamahanga, bavuga ngo ntacyo bapfa na HABYARIMANA, Ikinani kiracyafite ingufu n'ubukingirizo.*

*Birabonéka ko TWAGIRAMUNGU, MUGENZI na NGANGO amagambo yabo mu myigaragambyo adahagije. Dukeneye kumva ijwi rya Padiri SIBOMANA imbere y'imbaga atubwira ko Ikinani gishaka kunaniza n'Imana. Musenyeri Tadeyo w'i Kabgayi, ba GAHAMANYI n'abandi nibaze mu muhanda nabo batwereke umujinya baterwa n'aya maraso ameneka, abasaveri, abasukuti, imiryango yose y'abihaye Imana, iy'abavuzi, abanyamakuru, Restaurants, abakinnyi..., iy'abatwara abantu izi uruhare igira mu kugaragaza uburakari, bigere n'igihe amashuri afunga kuko abarimu bazaba badahari kubera ko ingaga bibumbiyemo zabasabye kugaragaza umujin[...] baterwa n'aya maraso ameneka. N[...] mwibuke ko muri Zayire abanyama[...] shyaka bigaragambije Mobutu akab[...] keneka, nyamara byahinduye isu[...] byitwa iby'abakirisitu ava ku izin[...] n'ubwo nubu agitera imigeri ariko n[...] bura yemeye ko Sitefano yicara ku b[...] Minisitiri bw'Intebe. Ingaga z'abako[...] nizize abantu bazasiba akazi nta kib[...] zo. Iyo ingoma ijya guhirikwa cyan[...] cyane iyo ari iy'inkoramaraso aban[...] bose barahaguruka. Kuba mu Rwand[...] rero hari abatarahaguruka ng[...] iby'amashyaka ntibibareba, biragan[...]gaza ko HABYARIMANA agifite itum[...]fu ahishe. TWAGIRAMUNGU n'[...] mpuzamashyaka nibongere bisug[...]nye babohore kugeza no muri Taber[...]nakuro kwa Padiri, mu rusengero kw[...] Pastori, mu musigiti kwa Sheh[...] cyangwa mu ivara kwa mameya, maz[...] Ikinani cyirebe nacyo cyiyange, nah[...] igihe cyose imyigaragambyo igisho[...]bora kwitwa iy'amashyaka gusa abay[...]rwanya baracyafite ibyo babeshya ru[...]banda n'amahanga. Imyigaragamby[...] nihindure isura ibe iy'abanyarwand[...] bose barakariye ingoma «Karaso[...] bayihirike byanze bikunze. Nawe kok[...] ngo ntibashaka imishyikirano y'ama[...]horo ? Babona aho igihugu kigeze ?*

*O.NT.B.*

---

# Muri MRND bakomeje kwituma ku mbehe bakiriramo no mu mazi bakivoma.

Nyuma ya Mitingi ya mbere ya Perezida wa MRND ku itariki ya 15/11/1992 Bwana HABYARIMANA Yuvenali alias IKINANI wa mbere Nakozukonshoboye, abo muri MRND bakomeje kunnya ku mbehe bakiriraho ari rwo Rwanda bonse cyane none aho kurureka ngo nibura rube uko rwakabaye, bararwitumamo kandi bakiruryamo byinshi. HABYARIMANA ati: Amahoro si ibipapuro. Ngo Arusha n'iyi mpapuro. Uriya ni umurengwe rwose. U Rwanda arukiriyemo n'ubu akiruvomamo none ngo iby'amahoro ntacyo bimubwiye. Ati jye n'Interahamwe zanjye tugiye kumanuka. Iryo jambo ryakuye abantu umutima mu gihe bamenye neza ko ashyigikiye ibikorwa byazo. Bazongera kutubeshya iki? Ngicyo icyo bita kunnya ku mbehe ukiriraho. Gushyigikira abantu basenya igihugu uvomamo kurusha abandi? Cyera turi abana twajyaga duhagarara ku ruhande rumwe rw'umusozi abandi bagahagarara ku rw'undi, maze tugacyurirana ibintu bisa nibyo ubu umuntu yacyurira abo muri MRND, usibye ko bimaze kugaragara ko babaye ba Rutumvincyuro. Twagiraga tuti: Abanya... tukavuga umusozi wo hakurya, bannya mu mazi bakayavoma nicyo gihango kizabica baraka... tugashyiraho igitutsi cyiremereye cy'abashumba; kenshi bwacyaga tujya mu ntebe ya Penetensiya ku itegeko ry'ababyeyi babaga babyumvise bakaducyaha. Uburere bwari bukiriho. Habyarimana ngo iyo Interahamwe ziri mu mwambaro wazo ziraberwa koko... Umwambaro wa grenade, mine, imbunda, ibyuma, impiri zirimo imisumari, ibiki hari amazirantoki aruta ayo ngayo ariho akwiza u Rwanda twagereranyaga n'iriba ry'amazi y'urusaro we na MRND ye bavomamo menshi kurusha abandi?

S'U RWANDA GUSA, AYO MUGESERA YITUMYE AZANUKIRA N'ISI N'IJURU.

Ku itariki ya 22/11/1992, MUGESERA Lewo yunganiye Ikinani mu rwego rwo kumanuka muri mitingi yakorewe muri Superefegitura ya Kabaya. Yaravuze aravugishwa, arasara arasaragurika, maze ipfa afitiye amaraso aryerekanira aho asaba abanyagisenyi kwihaza ikiremve cy'abatavuga rumwe n'ubutegetsi bw'Ingoma "Karaso". Ngo uwahandi uzakandagira ku Gisenyi bazice. Ese bo ko bakandagira ahandi? Icyakora umwera uturutse i bukuru nyine. None se Perezida we ntazamanuka ahonyanga abamumajije imyaka 30 yose bamutunze aribo avomamo umutungo afite? Ubu se niwe utunze abanyarwanda, cyangwa nibo bamutunze? Dore icyo bita kwituma mu mazi ukivoma. MUGESERA Le-.




ko igihugu kigumya kumenekamo amaraso, kikaba agasitswe nyamara kandi bakikivurugutamo. Dore urugero rwo kunnya mu isupu bakinywa. Ba Ministri babo bo ni urundi rwego kuko ibyo bakoze kuwa 28/11/1992 ubwo bangaga kujya mu nama ya Guverinoma kandi bazi ko Arusha bategereje ikiyivamo birenze ukwemera. Kwanga kujya mu nama ya Guverinoma uri Ministri aricyo kigutunze se, hari aho bitaniye no kwituma mu mazi ukivoma? Twumvise ko i Roma Papa yasabye Intumva zo mu Rwanda gushyira mu gaciro, abanyamahanga badushakira amahoro Arusha bakaba bose batewe agahinda n'abatesi b'abagome bo muri MRND ku buryo batumije Ikinani ngo kijye kwisobanura i Dar-Es-Salamu.

Ahari noneho ubanza bazumva ko bariho barya imyenda yabo bakava-wo ati: Ministri w'Intebe nibamwice?? MRND iteje intambara mu gihugu, kubera inda niniya ba nyirayo n'uburangare bwabo. NSENGIYAREMYE agiyeho arayihagarika, atangiza imishyikirano y'amahoro babonye amahoro agiye kugerwaho bata umutwe bati SEDERI n'Interahamwe nimwice, babonye bidahagije bati NSENGIYAREMYE ushaka kuzana amahoro nande? igihugu gikomeze kibe amaraso gusa. Ngicyo igisa no kunnya ku mbehe y'isombe bakirya.

MUGESERA ngo nibatsembe ababyeyi bo ku Gikongoro n'i Butare. Nimwiyumvire irondakarere se? Ngo abanyagikongoro n'abanyabutare ni ingegera bagomba gutsemba. Umusazi MUGESERA Lewo ati: Ibya Arusha ni Inyenzi yavuye ku Nyenzi ivugira inyenzi ikavugana n'inyenzi. Ati ibizava Arusha ntituzabyemera. Arusha se hari ikindi kizahava kitari amahoro? Muri MRND bazakora uko bashoboye abure nkuko Mugesera abyigisha birukane abakozi batari abo muri MRND, abari ku kigega cy'amafaranga bayajyane muri MRND bayicishe abantu, uyifitiye ku giti cye ngo ubwo ni MRND yayamuhaye ayashore mu bwicanyi bw'Interahamwe ngo afashe ba MUGESERA gukata abatavuga rumwe nawe amajosi. Ngo bahembe abaselire kugira ngo babone uko bazajya bica uwinjiye muri selire yabo; ngo abatutsi bose babarohe muri Nyabarongo kuko muri 1959 batabishoboye kubera ko Mugesera yari akiri umwana. Amahoro azava Arusha MRND ntiyashaka rwose. Hari naho Mugesera yadusuzuguriye Ingabo ngo ntizizi gusobanura Inyenzi n'umuJDR? Azazisabe imbabazi. Muri MRND rero nkuko Mugesera yabivuze ngo "Nibakate amajosi". Ayo majosi ni ay'abaturage b'inzirakarengane birirwa bashenguka bashaka umusoro wo kuzuza ibifu bya bariya bamilita bo muri MRND, none NSENGIYAREMYE na NGULINZIRA bati tubashakire amahoro, MRND iti tubakate amajosi. Ng'uko uko bamamaza Ikinani. Nguko uko muri MRND bituma mu mazi kandi bakayavoma kuko u Rwanda aribo bacyirudaha n'ubu.




*Uyu «biganza bigaba bigundira azatugeza ku muganura ra» !*

BIRO POLITIKI (KOMITE NYOBOZI) ya MRND na ba Ministri bayo nabo uwo mukino wo kunnya mu mazi bakivoma bawukomeyeho.

Amatangazo amaze iminsi asohoka muri Biro Politiki ya MRND akomeje gushimangira ko ibizava Arusha batazabyemera. Birumvikana ko bashaka kw'izima. Ikigaragara icyakora ku byemezo bya Biro Politiki ya MRND n'abaministri bayo ni uko bashyize ikizere cyabo cyose muri politiki y'Imanuka rya HABYARIMANA n'Inkoramaraso ze zibumbiye mu Nterahamwe n'Impuzamugambi ku buryo nta yindi karita bafite yo gukina bityo ibyabo bikaba bibarangiriyeho; ngo ntibazemera no kujya muri Guverinoma, bazahitamo kujya kwambara amagunira n'ibirere, grenade, imbugita, imbunda, n'ibindi byose batobangisha iki gihugu, batazi ko amaherezo ukuri kuzatsinda, niyo myambaro y'amashitani barata "Inkuba" zikazayibashwanyagurizaho izuba riva. Iyo mba hari cyera mba ngize nti: "Abo muri MRND bannya mu mazi, bakayavoma nicyo gihango kizabica baragatsindwa uruhenu".

O.NT.B

# RUKOKOMA NYAKURI YARAGAMBANIWE NONE IRANYONZWE NTIHAZAGIRE ABADUKANGISHA IY'INSONDE.

Mu minsi iri imbere, hazajya havugwa ibintu byinshi muri iki gihugu cy'u Rwanda ariko usange ijambo Rukokoma ryarabaye urwenya kuko icyocyere ryazanye ntacyo gifashe. Rukokoma (Conférence Nationale Souveraine) yaje ariyo mizero y'Abanyafurika benshi ndetse bamwe nko muri Bene (Bènin), Kongo, Nijeri, Mali, ibageza kubyo bifuzaga bayoboka inzira ya Demukarasi ishingiye ku ;ashyaka menshi. Nkuko muri Togo aribo ba mbere bahotoye demokarasi mu myaka yakurikiye iya za indepandansi muri Afurika, ni nayo izambije ibya Rukokoma ku buryo umugabo Eyadèma wagize uruhare mu kumenyekanisha Coup d'Etat muri Afurika no gutegekesha ingabo z'indobanure ari nawe weretse isi yose ko Rukokoma itabuza utegekesha igitugu kugitegekesha, apfa kuba afite imbunda ye. Abazungu ntibazuyaje kubona ko bibeshye, mugenzi wa Eyadèma ariwe SESE Seko nawe amaze kuyigora uko ashoboye kose bahise bavanira aba-ndi banyafurika inzira ku murima.

Ngabo muri Kameruni barayisabye ndetse bamwe barinda no kuyipfira abazungu babima amatwi, muri Santrafurika, muri Gine Konakiri, muri Cadi, Burukinafaso, mbese hose ubu abasaba Rukokoma basigaye barabahinduye urwenya haganje abavuga amatora, bajyamo bakayarimanganya uko babyumva.

### MU RWANDA RUKOKOMA IZIZE NDE ?

Iyo uroye uko HABYARIMANA na MRND ye barwanije Rukokoma, ukareba n'ukuntu bagiye bayitegura, barigisa amadosiye n'abantu baziranye ku mabanga amwe n'amwe, ukareba ukuntu ejo bundi bari badohoye, Guverinoma bafitemo icya kabiri cy'abaminisitiri ikemera kuvuga Rukokoma mu mishyikirano ya Arusha, usanga Rukokoma atari bo bonyine bayirwanije, ahubwo ari FPR, ari ba nyoninyinshi mu mashyaka MDR, PL na PSD bose bafite uruhare mu kuyinyonga.

Aha twababwira ko usibye ko Hermani Koweni (Herman Cohen) yari yavuze ko inzibacyuho ibaye nziza Rukokoma itaba ngombwa, abazungu benshi muri rusange birinze kuyirwanya, kubera ko bumvaga yagira uruhare runini mu gusana imitima y'Abahutu n'Abatutsi bahora bahanganye mu Rwanda. Byarinze kwandikwa muri za digisiyoneri ko u Rwanda ari agahugu ko muri Afurika aho abahutu n'abatutsi bahora bahanganye !?!

### RUKOKOMA NYAYO, RUKOKOMA ITAVUGURUZWA TWARI TUYITEZEHO IKI ?




*Twagiramungu RUKOKOMA yaka izakoma kubayikoma imbere.*

Amateka y'iki gihugu ibyayo byose usanga bishingiye kuri Gahutu na Gatútsi ariko nyine no kurwanira ubutegetsi rugeretse. Hari abibwira ko muri Rukokoma icy'ingenzi cyari kuzazikura amadosiye y'ubujura n'ubwicanyi gusa ? Ibyo ntibyazabura ariko icyo twari tuyitezeho ni ugukemura burundu ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi ari nacyo gishamikiyeho icy'impunzi bamwe bakomeza kwitwaza ngo bigotomerere inkaba, bakomeze basarurire mu nduru.

None se abashaka kuzaduhangika Rukokoma yo mu myaka ingahe nyuma y'inzibacyuho, izaba igifite akahe gaciro ? Barashaka ko impunzi zibanza gutahuka ngo habe Rukokoma, nyamara muri iyo Rukokoma niho intumwa z'impunzi ziturutse impande zose z'isi zari kuzaza zikugnvikana n'abari mu gihugu icyo zifuza; ziti turifuza ko bene wacu bazakirwa gutya nabo bakifata gutya, noneho ibyo bintu bikumvikanwaho, abajijukiwe bagafasha abandi kubyumva, bakabategura, amaradiyo n'ibinyamakuru bikigisha rubanda kwihangana no kworoherana hakurikijwe ibisohotse muri Rukokoma maze ubundi bene wacu baheze ishyanga bagatahuka nta nkomyi nta nduru, nta nzika nta nzangano.

Nkeka yuko aribyo muri M.D.R. bita[...] contrat social. Tutabitinzeho rero, k[...]gira ngo impunzi zizatahuke hataba[...] Rukokoma itavuguruzwa ngo ha[...] hariho inzibacyuho ifite ingufu i[...] vuyemo ishobora kuyobora igihu[...] hakurikijwe ibyo abanyarwanda b[...] mvikanyeho biragoye. Uwavuga k[...] Rukokoma igambaniwe n'abasha[...] kugumya kurwana na ba nyoninyinsh[...] babibashyigikiyemo ntiyaba abeshy[...] kuko kumva ko mu gihe Interahamw[...] na Shederi bizaba bishinyitse amenyo[...] byiyenza, byitwaje Abatutsi, hari und[...] nawe ushaka kuzarindisha izo mpunz[...] imbunda , yita "Kamarampaka" biraruhije.

Iyo ntambara ntizarangira na rimwe, kandi rubanda rugufi n'impunzi zishakiraga gutaha nibo bazahazahariira. Nta Guverinoma ifite ingufu itavuye muri Rukokoma iteze kuboneka muri iki gihugu kandi icyo gihe impunzi zizanga gutaha ikibazo kirusheho kuba insobe. Bantu mwanze Rukokoma amasezerano ya Arusha akimara gushyirwaho umukono rero kandi arirwo rubuga rwonyine rwari rusigaye rwo kunga Abahutu n'Abatutsi ntimugire ngo u Rwanda ntimuruhemukiye. Dore noneho hadutse umuderi wo guhanaguraho ibyaha byose HABYARIMANA yakoreye iki gihugu bigashinjwa MDR–PARMEHUTU ubwo ngo bikazaryozwa MDR iyikomokaho ngo kandi ibungerana iturufu y'Ubuhutu nkuko Rwanda Rushya ikomeza kubitsindagira. Ntacyo mvuze ntiteranya.

O.NNT.B.

# ITORERO RY'UBWEPISKOPI MU RWANDA: UTARUMBIRIJE MU NGOBYI ARUMBIRIZA MU NGABO.

Itorero ry'ubwepiskopi mu Rwanda (Eglise Episcopale au Rwanda) riterutse kwisunga izindi kiliziya z'abakristo n'abadiventiste ngo zunganire ubutegetsi bw'iby'isi mu kubona umuti w'ibibazo igihugu cyacu kirimo. Uwo muti wari uwo kuzana amahoro.

Eglise Episcopale yo yarahu-shije uko uwo yatumye yibwiye ko bamutumye kwihakirwa. Ni wawundi Mgr NSHAMIHIGO Augustini wagabanye Shyira avuye kurya imiceri mu Gisirikare aho yahoze ari omoniye (aumonier) bugacya a-shaka no gutera Mgr NDANDALI i Butare, ngo amunyage amisozi ye yose, uhereye i Butare, Kigeme, Cyangugu n'ahandi. Harya ngo umva nawe akorana n'umwuka wera cyangwa ni Lusuferi imwipilotera (piloter) ?



*Umutwe w'ikinani niwo Nshamihigo aba yambaye ku myenda buri gihe.*

Mutekereze icyasha yateje Itorero rye, none mu ibaruwa n°0189/4.10.5.3./D yandikiye Mgr Tadeyo NSENGIYUMVA akaba akibara mu bafite "caractère de neutralité et de réconciliation". Ntawarenganya ririya torero: ngo umubyeyi utarumbirije mu ngobyi aru-mbiriza mu ngabo. Bibaho. NSHAMIHIGO si uwo guserukira itorero kereka niba ryizihirwa n'ibinegu yarimenyereje kugeza aho Mgr NDANDALI amusubirije i Shyira.

Si ngombwa kugaruka kubyo abo bakuru b'amadini bari bagezeho mu mibonano yabo yo kuwa 16, 19, 24/11/1992 n'abahagarariye amashyaka n'iya 17, 20, 25/11/1992 n'uhagarariye igihugu. Imyanzuro yari yafashwe ya-shyikirijwe abanyarwanda ndetse n'amahanga barayishima. Ibyo abandi bashimye, Mgr NSHAMIHIGO na MRNDD bamenyereye gusambira no kwikubira ntibabiko-zwa. Ese ko gusambirà ibyo mw'Itorero byamunaniye yaretse gutandukira mu byo hanze ?

RWANDA

Shyira, le ....................

No ........ /4.10.5.3/

A Son Excellence Mgr NSENGIYUMVA Thaddén
Président du Commité de Cóntacts
C/O : Conférence Episcopale au Rwanda
B.P 334 <u>KIGALI</u>.

Excellence Mondeigneur,

Je vous implore de ne pas transmettre au <u>Gouvernement Rwandais</u>, les propositions émises en date du 27 Nov. 1992 relatives à la distributions des portefeuilles dans le Gouvernement Rwandais de Transition à base élargie, au nom de tout le Comité de Contacts, pour des raisons suivantes :

1° Vous avez délibérément et personnellement décidé de ne pas transmettre les propositions émises avec un esprit de consensus lors de la réunion de notre Comité du 25 Nov. 1992. Il est à noter que cette réunion était valabrement tenue, car les sept membres sur dix étaient présents.

2° Dans la réunion d'hier le 27 Nov; il n'y a pas eu non plus un consensus sur cette question. Et d'ailleurs le Comité n'avait pas valabrement tenu vu que leem membres présents étaient à cinq sur dix.

A mon avis donc, s'il y a des propositions et recommandations émises et transmises au nom du Comité en dehors de l'esprit de consensus, moi je les qualifierais de sournoises et de fallacieuses. Aussi ce serait une manière de trahir le caractère de neutralité et réconciliateur que devrait revêtir l'Eglise du Christ au moins pour celle que je représente. Et le rôle de l'Eglise est de penser minutieusement à l'établissement d'une paix, mais, durable de notre pays. Voici mon principe : "VOUS CONNAITTREZ LA VERITE, ET LA VERITE VOUS LIBERERA. Jean 8,32."

Fraternellement vôtre in Xsto.

Mgr NSHAMIHIGO Augustin
Archevêque de la Province de l'Eglise Episcopale du Rwanda et Evêque du Diocèse de SHYIR

<u>C.P.I</u> : à

- Excellence Mr le Président de la République
- Mr le Premier Ministre
- Membres du Comité(Tous).

Mgr NSENGIYUMVA Tadeyo na Mgr RUHUMURIZA Aroni bemeje ko ikibazo cyakemuwe. NSHAMIHIGO ahakana ko kitakemuwe afatanije na nde ? N'ay'inda cyangwa ni ubuterahamwe burenze kamere ? Adutsindagira kuki amafuti ya MRNDD ariyo:

a) Ubusambo no kwikubira
b) Ubuswa n'uburangare bwaroshye igihugu mu ntambara bumaze guha abadutera amafaranga yo kugura izo kuturasa.
c) Ubugome bwo kwigisha abanyarwanda ko abari hanze ari abanzi, abari mu gihugu ari abacakara bo kuririmba Muvoma.

Ayo mafuti twarayanze Mgr NSHAMIHIGO abimenye. MRNDD nireshye n'andi mashyaka maze ibone uko ikosorwa. Kuyireshyeshya n'ayo mashyaka Mgr NSHAMIHIGO abyanga atanze izihe mpamvu ? Ngo abashaka ko ayo makosa avaho kuri we baribeshya"' ..."moi je les qualifierais de sournoises et de fallacieuses"). Umwuka wera aracyafite akazi ! Uzamusaba ashaje se ?

Ubwo ga NSHAMIHIGO yabonye imbaga y'abanyarwanda n'abayoboke b'Idini rye bamushinje kuba abavugiye ibyo batamutumye ati mbivuze ku giti cyanjye: Ni ukuvuga ko ku giti cya NSHAMIHIGO n'u-bwo nabwo ari amatakirangoyi kuko ibaruwa yandikiye Mgr NSE-NGIYUMVA yayimwandikiye ari Archevêque wa E.E.R., we aya maraso ameneka mu gihugu ntacyo amubwiye ku giti cye bwite !

Ibisa birasabirana. Ba baminisitiri ba MRNDD nabo baherutse gukererwa Inama ya Leta ngo bategereje ko Mgr NSHAMIHIGO Augustini abasinyira iriya baruwa yandikiye Mgr Tadeyo NSENGIYUMVA ngo maze ubundi iby'amahoro mu Rwanda bigahagariraho, bayigejeje mu nama ya Guverinoma !! Uru narwo ni urwenya nk'urundi. Iyo baruwa se yuzuyemo amakosa angahe ? Itangira NSHAMIHIGO ahakirizwa ngo bitamwaza MRNDD (...Je vous implore..."). MRND ifite ingeso yo kugendera ku mafuti y'ibisambo n'abanyamafuti. Mwibuke bogagiza amabaruwa ya BARAHINYURA, mwibuke amasheke ahabwa BUCYANA na C.D.R. ngo ibamarire urubanza rwo gutsemba abanyenduga n'abatutsi.

None, dore bakodesheje na NSHAMIHIGO wazobereye mu kudurumbanya Itorero rya E.E.R. Ese ririya shyaka, rikomeje imigirire nk'iriya ritaniye he na Lunali yakoreshaga abatwa bo kwica basimbuwe na ziriya nterahamwe navuze ?

Mu mwanzuro, ndasaba amashyaka MDR, PSD, PL kudakura mu rûge. Itobatoba ry'igihugu rya MRNDD ifatanije n'abayobov Lusiferi imaze gutera inzoka ikir rira. Kurengera igihugu yego kwiyahura. Ayo mashyaka as kwitanga, ingufu ntizibuze. Nta ngiza kandi atibukije Itorero E.E mu mishyikirano y'ubutaha yaza intumwa zitari muzimenyereye k bira no kuduru-mbanya abari mu nka NSHAMIHIGO wahereye mu yaryo akaba ageze no muri Guve ma y'u Rwanda. Umwuka wera a ne n'abashaka amahoro ndetse n NSHAMIHIGO amugereho.

BAZIBON

# HABYARIMANA AKOMEJE KUBATUNGURA.

Kuwa kabiri tariki ya mbere Ukuboza 1992, Perezida HABYARIMANA yitwikiriye ijoro nkuko abikunze maze yongera kudutungura, usibye ko noneho abatunguwe cyane ari Inkoramaraso zo muri MRND na CDR zacungiye kuri politiki y'Imanuka rye batazi ko rishobora kuburizwamo. Abatatunguwe n'abari bazi ko ubwo abanyamadini bahagurutse kabaye kandi i Dar-Es-Salamu nta kindi cyari cyamujyanyeyo uretse gucishwaho icyuhagiro n'abanyamahanga berekanye bamurusha gukunda u Rwanda kuko bahangayikishijwe no kurushakira amahoro. Nta kundi yari kubigira rero. Interahamwe n'Abasederi se ko ibyo bavuga abyihakanye izuba riva, bari mu biki ? Kereka niba ari bya bindi tumenyereye ko Perezida wa MRND na Perezida w'igihugu batavuga rumwe. Abazungu baramucaniriye rero arangije aragaruka ati mvuye gushimira Mwinyi ko adufasha gushakira amahoro igihugu cyacu. Namushimire cyane. Ntibibabaje kubona igihugu cyacu gikundwa n'abanyamahanga kurusha abitwa ko ari ba nyiracyo !

Perezida wa Repubulika rero yemeje iby'amasezerano yose ya Arusha amaze kugeraho kandi ashimangira ko bitazasubirwamo. Ngo bamubwiye ko amatora adashoboka arabyemera. MRND na CDR nibimware ! Cyangwa nawe bimubwire ko bitazongera kuvugana nawe nkuko byabibwiye Musenyeri NSENGIYUMVA Tadeyo nkaho bayobewe ko n'ubundi ataremewe kuvugana n'amashitani.

Inzibacyuho ihawe amezi cumi n'abiri usibye ko yinobeyemo ko ba Burugumesitiri bazatorwa hagati aho. Ntawe ubuza urota kurota. Mu by'ukuri rero, HABYARIMANA yafatanije n'amadini kimwe n'amashyaka MDR, PL, PSD na PCD gushyira mu kuri ku byerekeye




imishyikirano. Ubwo twumva ko ba KANYARENGWE na ba KAGAME nabo bashobora kuba bari i Dar-Es-Salamu twizeye ko nabo abo banyamahanga babahaye gasopo ngo batazaruhanya. Nkuko byumvikanye mu ijambo ry'Ikinani, ibyemezo by'abanyamadini bizubahirizwa nkuko tubibona mu itangazo rigenewe abanyamakuru basohoye kuwa 26/11/1992 no mu ibaruwa bandikiye Perezida na Minisitiri w'Intebe kuwa 27/11/1992 kuko nyine muri iryo jambo nawe avuga ko muri Guverinoma hazajyamo amwe mu mashyaka atari arimo ubu. Ntabwo ari yose nkuko za ndindagire zo muri MRND na Sederi zihirwa zibitumenesha amatwi. NGIRUMPATSE na BUCYANA (ngo So ntakwanga akwita nabi) nibatekereze ku mazina bitwa, wenda bisuganye niba bishoboka bakore ishyaka ryabo ryitwa "Ntituzabyemera".

**Tubagezeho muri make ibyo abanyamadini bemeje:**

- Ku birebana n'umutekano muke gihugu, barasanga abategetsi kwiye kworoherana n'amashy kandi ibibazo by'ubuteg n'iby'amashyaka ntibivanga ngwe. Abategetsi bakuru nibar gufata amagambo muri za mit kuko bajijisha abaturage. Aban madini barasaba ko hajyaho ka mite k'abantu badakora politiki jya kagira inama abategetsi ka amashyirahamwe y'urubyiru rwitwara gisirikare agacika.

- Ku birebana n'ishyirwaho rya Gu rinoma yaguye mu gihe cy'inzib cyuho, basanze amashyaka ari m Guverinoma ya Dogiteri NS NGIYAREMYE ari yo ashinz mbere na mbere gukomeza imish kirano yo gushyiraho indi Guverin ma, akazumvikana na FPR mu kw merera andi. Igihe cy'inzibacyu cyazaba igihe cyo gushyiraho am tegeko aboneye inzira ya Demuk rasi kandi ishyaka ryabura umwan

